Najyaga nogana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gikoresho kimwe, twembi dufite ijanaba; yajyaga inantegeka gucyenyera, tukishimishanya ahandi hose hasigaye ndi mu mihango

Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abamera (Imana imwishimire) yaravuze ati: Najyaga nogana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gikoresho kimwe, twembi dufite ijanaba; yajyaga inantegeka gucyenyera, tukishimishanya ahandi hose hasigaye ndi mu mihango ndetse yajyaga irunguruka n'umutwe wayo iri mu mwiherero (Itikaf), nkayimesera mu mutwe ndi mu mihango.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Aishat Nyina w'abemera (Imana imwishimire) kuri bimwe bimwerekeyeho hamwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); no muri byo nuko yajyaga yogana n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gikoresho kimwe, bombi bakaba ari cyo badahamo amazi yo kwiyuhagira. Kandi ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yamwifuzaga ari mu mihango yamutegekaga kugira icyo acyenyera uhereye ku mukondo kugeza mu mavi, akishimishanya nawe ahandi hasigaye. Ndetse ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga ijya mu mwiherero mu musigiti (Itikaf), igasohora umutwe wayo mu cyumba cya Aishat, akamumesera mu mutwe ari mu cyumba cye.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3476